# Lisiti y'ibigize isomo

Mbere ya buri somo, banza wihe igihe gihagije cyo kwitegura. Gena umwanya uhagije wo gutegura telefoni ziri bukoreshwe mu isomo. Bishobora gufata igihe kinini kurusha uko ubitekereza!

Reba niba ufite ibikoresho byose uri bukenere mu isomo (Ibikenewe biba biri kuri paji y'incamake rusange ya buri somo).

Telefoni zose zigomba kuba zirimo umuriro uhagije

Kura kuri interineti serivisi uteganya gukoresha kuri telefoni.
*Iki gitabo ntikirimo isomo ry'uko bakura porogaramu kuri interineti. Impamvu ni uko ari ibintu birebire kandi bitoroshye bisaba kugira imeyili, kandi bamwe mu bahugurwa ntazo bagira. Byongeye, telefoni z'ibanze za Android ziba zisanzwe zifite YouTube na Google. Niba wifuza ubufasha ngo ubashe gukora WhatsApp kuri interineti, ushobora kubona amabwiriza yoroshye yo kubikora hano.*

Kora ku buryo nimero za telefoni ziri bukoreshwe zishyirwa muri telefoni ziri bwifashishwe mu ihugurwa.

Siba amakuru yihariye yose ari muri telefoni (amafoto, ubutumwa, n'ibindi) mbere y'uko uziha abahugurwa.

Umva ibikubiye mu ihugurwa ugiye gutanga

Fungura serivisi za interineti yo muri izo telefoni zose ku murongo w'isosiyete y'itumanaho (wibuke ko ibi bishobora gufata iminsi myinshi)

Ha telefoni amazina. Shyira agapapuro inyuma ya buri telefoni kariho izina na nimero ku buryo uri bubashe kuzimenya mu gihe cy'amahugurwa.

Reba niba uri guhuza na murandasi Niba uri gukoresha Mi-fi/Wi-Fi, reba niba ikora neza kandi ko telefoni zose zigeraho.

Shyira inite za interineti kuri telefoni zose